UNION EUROPEENNE
DELEGATION DE LA COMMISSION EUROPEENNE
KIGALI – RWANDA

Kigali, 26 Mutarama 2009

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Intumwa z'Umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'uburayi zaje mu rwego rw'indorerezi guhagararira amatora y'abagize inteko nshingamategeko umutwe w'abadepite yo muri Nzeri 2008, zashyize ahagaragara raporo y'uko amatora yagenze: muri rusange amatora yagenze neza n'ubwo hari ibikwiye kunononsorwa mu gihe kizaza.

Bwana Michael Cashman, umudepite mu nteko ishingamategeko y'ibihugu by'uburayi, akaba ari nawe wari uyoboye izo ntumwa z'umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'uburayi zaje mu rwego rw'indorerezi zihagarariye amatora y'abadepite yo muri Nzeri 2008[1], yashyize ahagaragara raporo mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru. Mu ruzinduko rwe i Kigali, Bwana Cashman yabonanye n'abayobozi batandukanye, barimo abaminisitiri, Umuyobozi w'inteko ishingamategeko umutwe w'abadepite, Umuyobozi wa Komisiyo y'igihugu ishinzwe amatora ndetse n'urutonde rw'abandi baganiriye.

N'ubwo hagaragaye bimwe mu bitaragenze neza mu matora yo muri Nzeri, bisobanuye mu nyandiko y'amapaji 48 ya raporo y'intumwa z'indorerezi z'umuryango w'ibihugu w'ubumwe bw'ibihugu by'uburayi "MOE UE", muri rusange igikorwa cy'amatora kirashimwa. Iyo raporo ishyira ahagaragara ibyifuzo n'inama bikubiye mu ingingo 22 zigenewe abayobozi, imitwe ya politiki, imiryango itegamiye kuri Leta n'abanyamahanga bafasha u Rwannda.

Mu gutangira ikiganiro cyari kigenewe abanyamakuru, umuyobozi w'intumwa z'indorerezi yagize ati: *"Intambwe ya demokarasi yatewe mu Rwanda kuva nyuma ya genoside irashimishije. Amatora yakozwe mu ituze n'amahoro ku buryo ari ibyo gushimwa. Ikindi kandi, umubare mwinshi w'abari n'abategarugori batowe mu mutwe w'abadepite wesheje umuhigo w'isi ku buryo u Rwanda rugomba kubibonamo ishema."*

Bwana Michael Cashman yasobanuye intego z'ubutumwa bwe muri aya magambo: *" Ngarutse mu Rwanda kugirango ntangarize abayobozi b'igihugu, imiryango itegamiye kuri Leta n'abaturage muri rusange, imyanzuro y'intumwa z'indorerezi z'umuryango w'ibihugu w'ubumwe bw'ibihugu by'uburayi no kubagezaho ibyifuzo n'inama. Raporo yacu niyo kubaka kandi ni nako yagombye kwakirwa. Hari intambwe nyinshi zatewe kuva mu matora yo mu muri 2003. Ibyifuzo n'inama dutangaza none bigamije gufasha u Rwanda kurushaho kunononsora imigendekere y'amatora.. Ndizera ko ingingo za ngombwa kugirango hakurikizwe amategeko ngenderwaho n'imiyoborere myiza y'igikorwa cy'amatora bizagerwaho mu matora ya mu 2010".*

Ubumwe bw'ibihugu by'uburayi buzakomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibi byifuzo n'inama. Umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'uburayi, ubinyujije ku ishami ryawo riwuhagarariye mu Rwanda, uzakomeza gutera inkunga Komisiyo y'igihugu ishinzwe amatora, kugirango igere ku nshingano zayo, kimwe n'imiryango itegamiye kuri Leta, itangazamakuru mu guharanira imiyoborere ishingiye kuri demukarasi.

Intumwa z'umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'uburayi zaje mu rwego rw'indorerezi, zari zigizwe n'inzobere mu rwego mpuzamahanga 8 n'indorerezi 101 zakurikiye igikorwa cyose cy'amatora. Mu Ukwakira 2008, ibikoresho byose byakoreshejwe n'izo ntumwa, byahawe ku buntu imiryango itegamiye kuri Leta, 12 iharanira guteza imbere demokarasi n'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda.